REPUBULIKA Y'U RWANDA

IKIGO NGENZURAMIKORERE

P.O BOX 7289 KIGALI, Tel: +250 584562, Fax : +250 584563

Email: arms@rwanda1.com

Website: www.rura.gov.rw

ICYEMEZO N° 16/TR-RURA/2008 CYO KUWA 17/12/2008 KIGENA IMIKORERE Y'ABAKORA UMWUGA WO GUTWARA ABANTU MU RWANDA

Inama Ngenzuramikorere mu nama yayo yo kuwa 17 Ukuboza 2008;

Ishingiye ku Itegeko **n° 39/2001** ryo kuwa **13/09/2001** rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro ;cyane cyane mu ngingo zaryo iya; iya mbere, iya 3, iya 5, n'iya 6;

Ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri **n° 4/DC/04** ryo ku wa **07/06/2004** rigena umusanzu urihwa buri mwaka n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;

Imaze kubona ko ari ngobwa kunoza umwuga wo gutwara abantu mu Gihugu;

Ishingiye kandi ku myanzuro y'inama yo ku wa **15/12/2008** yahuje Ikigo Ngenzuramikorere n'abakora umwuga wo gutwara abantu mu Gihugu;

ITEGETSE:

Ingingo ya 1: Intego

Iki cyemezo cyerekeranye n'ibisabwa abifuza impushya zo gutwara abantu.

Ingingo ya 2 : Abo kireba

Iki cyemezo kireba abantu ku giti cyabo n'ibigo by'ubucuruzi bikora cyangwa byifuza gukora umwuga wo gutwara abantu.

Ingingo ya 3: Ibyo abatwara abantu bagomba kuba bujuje

Umuntu wese cyangwa ikigo gikora umwuga wo gutwara abantu, agomba kuba abifitiye ubushobozi ndetse n'uruhushya rutangwa n'Ikigo Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 4: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara abantu

4.1 Ibisabwa umuntu ukora mu buryo butari ubw'ibigo

Umuntu wifuza uruhushya rwo gutwara abantu agomba kugaragaza ibi bikurikira ;

a) Icyemezo cy'imiterere y'ikinyabiziga gisabirwa uruhushya, kigaragaza ko icyo kinyabiziga ari kizima (certificat de controle technique);

b) Ubwishingizi bw'icyo kinyabiziga butari munsi y'igihe cy'amezi atandatu (6), kandi hakishingirwa abagenzi ikinyabiziga cyemerewe gutwara bose;

c) Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune);

d) Kwishyura amafaranga yo kwiyandikisha atangwa rimwe angina n'ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) ku ma modoka n'ibihumbi makunyabiri (20.000 Frw) ku mapikipiki;

e) Inyemeza – bwishyu y'amafaranga y'uruhushya ateganywa mu ngingo ya 5.1 y'aya iki cyemezo atangwa buri mwaka kuri konti **n^{o} 120.11.27** y'Ikigo Ngenzura Mikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda (B.N.R);

f) Kumenyekanisha aho icyo kinyabiziga kizakorera.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Ngenzuramikorere azagena igihe ntarengwa impushya ziri muri iki cyiciro zizahagarikirwa gutangwa.

4.2 Ibisabwa ikigo

Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara abantu kigomba kugaragaza ibi bikurikira:

a) Umubare w'ibinyabiziga bya ngombwa kugira ngo uwifuza uruhushya yemererwe gukora nk'ikigo:

- Ku ma bisi manini n'amatoya, kugaragaza ubushobozi bwo gutwara byibura abantu ijana na mirongo itanu (150) ingunga imwe, haba mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;
- Ku mavatiri, kuba afite amavatiri atari munsi y'icumi(10); cyangwa
- Kuri za pick-up (double cabine), zigomba kuba zitari munsi y'umunani (8); cyangwa
- Ku ma Jeeps agomba kuba atari munsi y'atandatu (6);
- Ku bafite ubwoko buvanze bw'ibinyabiziga (pick-up na jeeps), bagomba kuba bafite byibuze ibinyabiziga umunani (8);
- Kubafite amapikipiki, agomba kuba atari munsi ya makumyabiri (20) na mirongo ine(40) kuri velo moteri;

b) Buri kinyabiziga kigomba kugira uruhushya hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya kane igika cya mbere cy'iki cyemezo;

c) Amategeko shingiro (statuts) y'icyo kigo;

d) Kugaragaza igitabo cy'ubucuruzi "registre de commerce" icyemerera gukora umwuga wo gutwara abantu ;

e) Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)

f) Kugaragaza aho icyo Kigo gikorera (parking)

g) Kwishyura amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) yo kwiyandikisha bwa mbere (registration fees) yishyurwa kuri konti **n° 120.11.27** y'Ikigo Ngenzuramikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda (B.N.R);

h) Inyemeza – bwishyu y'amafaranga y'uruhushya ateganywa mu ngingo ya 5.2 y'aya iki cyemezo atangwa buri mwaka kuri konti yavuzwe haruguru;

Ingingo ya 5: Amafaranga atangwa ku mwaka kubadakora mu buryo bw'ibigo

5.1 Amafaranga asabwa buri kinyabiziga kugirango gihabwe impushya ateye atya :

a) Amafaranga ibihumbi bitanu (**5.000 frw)** kuri buri tagisi y'ipikipiki;

b) Amafaranga ibihumbi icumi**(10.000 frw)** kuri buri tagisi vatiri;

c) Amafaranga ibihumbi cumi na bitanu**(15.000 frw)** ku ma jeeps na pick-up ;

d) Amafaranga ibihumbi makumyabiri **(20.000 frw)** kuri buri tagisi minibisi zifite kuva ku myanya 12 kugeza kuri 25 ;

e) Amafaranga ibihumbi mirongo itatu **(30.000 frw)** kuri buri kinyabiziga gifite kuva ku myanya 26 kugeza kuri 32 ;

f) Amafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitanu **(35.000 frw**) kuri buri kinyabiziga gifite imyanya irenze 32.

5.2 Abakora mu buryo bw'ibigo bishyura ibihumbi magana abiri **(200 000 Frw)** ku mwaka

5.3 Amafaranga y'uruhushya atangwa buri mwaka yishyurwa kuri konti **n^{o} 120.11.27** y'Ikigo Ngenzuramikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda(**B.N.R)**;

Ingingo ya 6 : Ibyo abakora uyu mwuga bagomba kubahiriza ;

a) Buri mushoramari agomba kubahiriza ibiciro byashyizweho n'Ikigo Ngenzuramikorere ;

b) Agomba kubahiriza umurongo, parikingi byanditse ku ruhushya rutangwa n'Ikigo Ngenzuramikorere ;

c) Kutavanga abantu n'imizigo mu kinyabiziga kimwe ;

d) Kugenzura ko abatwara ibinyabiziga bikora umwuga wo gutwara abantu bubahiriza amabwiriza abagenga ;

e) Bu muntu wese cyangwa ibigo agomba kugira ikirango n'inyuguti zitandukanya ibinyabiziga bye n'ibyabandi bashoramari bakorera mu gihugu ndetse no mu karere u Rwanda rurimo.

f) Kwandika no kubahiriza umurongo (ligne) ku binyabiziga bikorera mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara.

g) Gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere raporo yerekeranye n'ubucuruzi bakora buri mwaka (Financial report/Rapport Financiel);

h) Gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere raporo ndangamiterere (Technical report/Rapport Technique) y'ikinyabiziga buri mezi atandatu ;

i) Kwishyura buri mwaka umusanzu ungana na 1% ry'umubare w'ibyacurujwe ateganywa n'Iteka rya Minisitiri n^{o} 4/DC/04 ryo ku wa 07/06/2004.

Ingingo ya 7: Igihe ntarengwa byo kubona ibyangombwa

Umushoramari wese washyikirije Ikigo Ngenzuramikorere ibisabwa muri iki cyemezo, ahabwa igisubizo mu minsi cumi n'ine uhereye igihe yatangiye dosiye ye. Byarenza igihe kivugwa muri iyi ngingo agahabwa ibisobanuro.

Ingingo ya 8 : Ibihano

Buri muntu, cyangwa ikigo gikora umwuga wo gutwara abantu kigomba kubahiriza ibikubiye muri iki cyemezo.

Kutubabiriza iki cyemezo bihanishwa :

a. Ihazabu iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda 50.000 kugera kuri 1.000.000 yishyurwa kuri konti y'Ikigo Ngenzura Mikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda(B.N.R**) n° 120.11.27**;

b. Kwamburwa uruhushya rwo gukora mu gihe cy'amezi atatu ;

c. Kwamburwa uruhushya rwo gukora burundu.

Ingingo ya 9 : Ishyirwa mu bikorwa

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuwa 1 Mutarama 2009.

Ingingo ya 10 : Ivanwaho

Ingingo z'ibyemezo cyangwa amabwiriza zibanziriza iki kandi zinyuranye nacyo zivanyweho.

Kigali kuwa 17/12/2008

MUKASINE MARIE CLAIRE

PEREZIDA W'INAMA NGENZURAMIKORERE

Sé